



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NZERI 2024

10 Ukwakira 2024

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## **IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NZERI 2024**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2024. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Mu kwezi kwa Nzeri 2024, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 2,5% ugereranyije na Nzeri 2023. Ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2024 byari byiyongereyeho 5%.

Mu kwezi kwa Nzeri 2024, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 18,2%.

Ugereranyije Nzeri 2024 na Nzeri 2023, ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 5%.

Ugereranyije Nzeri na Kanama 2024, ibiciro byiyongereyeho 1,2%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byiyongereyeho 8,2%.

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi kwa Nzeri 2024, ibiciro mu byaro byagabanutseho 2,9% ugereranyije na Nzeri 2023. Ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2024 byari byagabanutseho 0,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanuka mu kwezi kwa Nzeri 2024 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 9,6%.

Ugereranyije Nzeri na Kanama 2024, ibiciro byiyongereyeho 1,6%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,6%.

### C. Ibiciro bikomatanyirije hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Nzeri 2024 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 0,8% ugereranyije na Nzeri 2023.

Mu kwezi kwa Kanama 2024 ibiciro byari byiyongereyeho 1,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanuka mu kwezi kwa Nzeri 2024, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 8,1%.

Ugereranyije Nzeri na Kanama 2024, ibiciro byiyongereyeho 1,5%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,6%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2023 kugeza muri Nzeri 2024.**

	2023				2024								
	09	10	11	12	01	02	03	04	05	06	07	08	09
<b>Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka</b>													
Mu mijyi	13,9	11,2	9,2	6,4	5,0	4,9	4,2	4,5	5,8	5,0	4,9	5,0	2,5
Mu byaro	21,5	14,1	9,6	6,1	1,9	2,1	-1,7	-3,5	-1,6	-1,4	-0,6	-0,3	-2,9
Mu Rwanda	18,4	12,9	9,4	6,2	3,1	3,2	0,6	-0,5	1,3	1,1	1,5	1,7	-0,8
<b>Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi</b>													
Mu mijyi	3,6	0,3	-1,0	-2,5	-0,1	1,8	1,1	1,4	0,0	-0,4	-0,1	0,9	1,2
Mu byaro	4,3	1,1	-2,4	-5,6	-1,4	3,3	0,5	0,1	-1,6	-0,8	0,9	1,7	1,6
Mu Rwanda	4,0	0,8	-1,9	-4,4	-0,9	2,7	0,7	0,6	-1,0	-0,6	0,5	1,4	1,5
<i>Isoko: Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>													

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Email: [info@statistics.gov.rw](mailto:info@statistics.gov.rw)